EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YO KU MUNSI WA NOHELI 2017

*(✠Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa KABGAYI)*

***Amasomo:***

*Misa yo mu gicuku: Iz 9, 1-6; Tito 2, 11-14; Lk 2, 1-14*

*Misa yo ku manywa: Iz 52, 7-10; Heb 1, 1-6; Yh 1, 1-18*

## "Uzamwite Yezu, kuko ari we uzakiza umuryango we ibyaha byawo" *(Mt 1, 21)*

1. Iri zina rya "Yezu" ryatanzwe na Malayika wa Nyagasani, arishyikiriza Yozefu Mutagatifu wagombaga kuzarimwita nk'umurezi n'umurinzi wa Yezu na Mariya. Iri zina rya "Yezu" kandi, Mariya na we yari yarariragijwe mu ibanga ubwo yabwirwaga na Malayika Gaburiheli, ati ***"Wigira ubwoba, Mariya, kuko wagize ubutoni ku Mana. Dore ugiye gusama inda, ukazabyara umwana w'umuhungu, maze ukazamwita izina rya Yezu. Azaba umuntu ukomeye, kandi bazamwita Mwene Nyir'ijuru" (Lk 1, 30-32).***

   Izina rya Yezu ni izina ryatoranyijwe n'Imana mu yandi mazina, nk'uko Mariya yatoranyijwe n'Imana mu bandi bakobwa ba Israheli, Yozefu na we agatoranywa mu bandi basore ngo abe umurinzi wa Yezu: ni ko Imana yatoranyije izina rya Yezu mu yandi mazina, ikariha Jambo wigize umuntu, ikarishyiramo imbaraga, ububasha n'icyubahiro bituma rizaba izina ry'Imana ikiza; dore ko ari ko izina rya Yezu rivuga, ngo "Imana irakiza" cyangwa se "Hakizimana".

2. Bakristu Bavandimwe, Yezu uyu twizihiza ivuka rye kuri Noheli, yagize amazina atatu ahawe n'Imana ubwayo, kandi buri zina ryifitemo ubutumwa n'ububasha bwo kudukiza. Imana yatugejejeho buri zina binyuze kuri Malayika wayo cyangwa se ku bahanuzi. Nubwo abahanuzi, bitewe n'igihe bavugiragamo, bagiye bamwita kwinshi bagenekereza, ariko baganisha bose ku butumwa Imana izamuha mu bantu, uko twari tubyiteze. Ubundi Yezu ni Kristu, Emanuweli, bivuga Imana muri twe. Aya mazina uko ari atatu afite inkomoko yayo mu ijambo ry'Imana kandi aruzuzanya mu butumwa buri zina ritwaye kuri Yezu Kristu, Jambo w'Imana wigize umuntu akabana natwe.



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 (0)78 25 72 506
+250 (0)78 49 15 214
+250 (0)78 85 16 346

e-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

- **Izina rya "Yezu"**, Imana ikiza, ni izina ry'ubutumwa afite ku bantu kubw'Imana yamuduhaye. Ryatoranyijwe n'Imana ubwayo, ribwirwa Yozefu na Mariya bagombaga kumwita *(Mt 2, 21; Lk 1, 21).* **Izina rya "Kristu"**, Kristu wa Nyagasani, Mesiya, cyangwa se Uwasizwe n'Imana: ni izina ry'ubutore, nk'uwari utegerejwe n'abantu. Izina rya Kristu rigashushanya ubutore, aho irya Yezu rishushanya ubutumwa nk'Umukiza. Ariko ayo mazina yombi **"Yezu Kristu"**, iyo agiye hamwe, atwumvisha Yezu Kristu nk'umuntu rwose n'Imana rwose, ufite ububasha bwo kudukunda no kudukiza.

- Yezu waje kuba Kristu yari ategerejwe n'abahanuzi. Bamuvuze kenshi nk'uzaza. Bamwe bakamwumva nk'Umwami *(2Sam 7, 12-16; 1Bam 9, 3-5),* abandi bakamwumva nk'Umuhanuzi mukuru *(Lk 7, 16),* abandi bakamwumva nk'Intumwa y'igihangange mu rwego rwa politiki *(Za 9, 9-10).* Ariko Izayi, aho avuga umugaragu w'Imana, ni we muhanuzi wavuze Kristu agira ati: *"**Umwuka w'Uhoraho urantwikiriye, kuko Uhoraho yantoye akansiga amavuta, yanyohereje gushyira abakene Inkuru Nziza, komora abafite umutima wamenaguritse, gutangariza imbohe ko zibohowe… kwamamaza umwaka w'impuhwe za Nyagasani" (Iz 61, 1-2).*** Aya magambo, Yezu aje, akayasoma, yayiyumvisemo *(Lk 4, 1-21),* aho asoza agira ati: *"**Ibiri muri iri somo mumaze kumva mumenye ko byujujwe uyu munsi wa none" (Lk 4, 21).*** Aha rero aba Kristu wa Nyagasani koko, akuraho impaka zose zagibwaga mu myumvire ya mbere y'uko aza. Gusa ariko n'aho aziye, Abigishamategeko n'Abafarizayi ntibabashije kumwumva n'ubwo bari barategujwe. Nyamara muri Batisimu ya Yezu yahawe na Yohani muri Yorudani, yongeye gukemura impaka ubwo Roho w'Imana yamumanukiragaho; nuko ijwi rikava mu ijuru riti *"**Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane unyizihira" (Mk 1, 11).*** Nuko Yezu agaragara nka Kristu wa Nyagasani mu maso y'abari bahari no mu mitima y'abazamwemera twese. Yezu Kristu rero, ni izina ryacu nk'umuryango w'abakristu; kandi ni na We isi yose itezeho agakiza, kuko nta rindi zina Imana izadukirizamo ritari irya Yezu Kristu! *(Reba Intu 4, 12).*

- Kuba yariswe **"Emanuweli"**, ni izina atigeze ahamagarwa ariko imibereho ye yose muri twe yagaragaje ko ari Emanuweli: ni ukuvuga Imana muri twe. Ndetse n'ubu aracyabitugaragariza bitambutse uko byari mbere, kuko twakomeje kurushaho kumwemera nka **Yezu Kristu, Emanuweli, Imana turi kumwe**. Ni byo rero kwizihiza iyi Noheli yacu bigamije: guha Imana ikuzo ryayo: iri kumwe natwe muri Yezu watuvukiye.

  Izina rya Yezu "Emanuweli", Imana muri twe, na ryo ntiryavuye ku bantu. Ni Imana ubwayo yaryitangiye iryumvishije umuhanuzi Izayi ngo ***"Noneho rero ni Nyagasani ubwe uzabihera ikimenyetso. Dore ngaha umwari asamye inda, akazabyara umuhungu, maze akazamwita Emanuweli" (Iz 7, 14).*** Aho Yezu avukiye i Betlehemu, umwanditsi w'Ivanjiri ya Matayo ni we wongera kutwibutsa iryo zina Imana yahaye Yezu: ***"Ni Emanuweli, Imana turi kumwe" (Mt 1, 23).***

Nubwo rero Yezu, ari we Kristu wa Nyagasani, atigeze ahamagarwa iri zina rya Emanuweli, ariko mu mibereho ye no mu mibanire ye n'abantu yagaragaye nka Emanuweli koko, Imana yacu kandi Imana muri twe. Ubwo yari kumwe na Yohani Batisita muri Yorudani abatizwa, yamwigaragarije nka Emanuweli, Imana muri twe.
Ubwo kandi yigishirizaga mu Galileya, yambukiranya ava ku gasozi ajya ku kandi, rubanda rwinshi rwamwirukagaho aho aciye hose, kandi ***"rubanda rwose rwaharaniraga kumukoraho kuko ububasha bwamuvagamo bwabakizaga bose" (Lk 6, 19).*** Aha yagaragaje koko ko ari ***"Imana muri twe"*** *yifitemo ububasha budukiza.* Nyamara byose bizarushaho kugaragara no kumvikana neza, aho amariye kuzuka. Ndetse bikomeze no muri Kiliziya yacu mu Ijambo ry'Imana twumva no mu masakramentu duhabwa.

Bakristu bavandimwe, Izina rya Yezu, Umukiza wacu, ni izina ry'ubutumwa yahawe. Yezu uyu ni We mukiza watuvukiye *(reba Lk 2, 11),* Kristu wa Nyagasani. Yozefu na Mariya barategujwe nubwo bitababuzaga gutungurwa n'ububasha bw'Imana. Bakiriye inkuru nziza y'ivuka rya Kristu, bamwakirana ukwemera nk'Imana yabo, bamwitwaraho kibyeyi nk'urugo rw'intangarugero mu mico no mu buyobokamana bwabo. Bamuhaye izina rya Yezu Malayika wa Nyagasani yari yarabaragije. ***« Nuko Jambo yigira umuntu maze abana natwe, kandi twibonera ikuzo rye »***, uko Ivanjiri ya Yohani ibitubwira *(Yh 1, 14).*

Izina rya Yezu yahawe akivuka, akaba ari na We Kristu wa Nyagasani, ni amateka akomeye ku mibanire ya mwene muntu n'Imana yacu. Uyu Yezu Kristu watuvukiye, Imana yacu yamwisanzuriyemo, itwigaragariza uko iteye n'icyo ishaka. Bityo Yezu Kristu akaba ipfundo rizima ry'ibyamubanjirije byaremwe na We, mu Izina rye; akaba n'intandaro y'ibyakurikiye ivuka rye, imibanire ye natwe n'urupfu n'izuka bye. Byose ni We bishingiraho. Niyo mpamvu **Izina rya "Yezu"**, twizihiriza ivuka uyu munsi, ni **Izina ry'ububasha bw'Imana.** Ni **Izina ry'ubushake Imana yifitemo bwo kudukiza**. Ni Izina ryuzuye amahoro, urukundo n'ineza y'Imana yacu. **Mu Izina rya Yezu**, twamenye ko Imana idukunda kandi ishaka kudukiza. Reka natwe tuyikundire, aho kuyitera umugongo tuyihange amaso ; maze umutima n'ubwenge byacu byumve kandi bimenye ko nta rindi Zina Imana ishaka kudukirizamo uretse irya Yezu Kristu watuvukiye, abamwemeye tukishima ; akadupfira akazukira kudukiza, abamwemera akatubera izina ry'amizero n'umukiro nyawo wacu.

3. Bakristu Bavandimwe, Izina rya Yezu Kristu mu buzima bw'umukristu nkawe nanjye, rigomba kumurikira n'imibereho yacu. Murabizi ko turi mu rugendo rw'imyaka itatu twihaye nka Kiliziya mu Rwanda. Turangije imyaka ibiri, dutangiye uwa gatatu.

   - Twabanje umwaka w'impuhwe z'Imana. Twawushoje udusigiye byinshi ku myumvire y'impuhwe z'Imana, havamo ndetse n'amakipe y'impuhwe z'Imana, adufasha cyane mu gukomeza Iyogezabutumwa rivuguruye no gutinyuka kwiyambaza impuhwe z'Imana. Muzi uruhare **Izina rya Yezu** rigira muri ubwo butumwa bwiza.

- Dushoje kandi umwaka wa kabiri, waranzwe na Yubile y'imyaka ijana ubusaseridoti buhawe abana babiri ba mbere b'abanyarwanda. Twahungukiye byinshi nk'abasaseridoti n'abakristu bacu, mu kumva ingabire y'ubusaseridoti n'imbuto bwera mu Rwanda. Nk'abasaseridoti, twahakuye umugambi n'inshingano zo **guhora twibuka ko twatorewe kuba abahamya ba Kristu, Umushumba Mwiza** *(Reba Ubutumwa bw'Abepiskopi busoza umwaka wa Yubile, Kigali 8 Nzeri 2017).* Bene iyi myumvire n'imyitwarire bikazadufasha gufatanya n'abalayiki twubaka Kiliziya Kristu Yezu adutezeho mu Rwanda.

- Umwaka wa gatatu twatangiye, ugamije guhamya urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge twatangiye, ubwo twarangizaga sinodi, nyuma y'amarorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi n'ingaruka byagize ku banyarwanda twese. Tugeze he urugendo rw'ubwiyunge, gusaba imbabazi no kuzitanga ? Dusabwe cyane rero kwiyunga n'Imana, kwiyunga ku muntu bwite cyane abagitwaye ibikomere byimbitse, no kwiyunga nk'abakristu ; twiga kubana mu bufatanye, mu bworoherane no mu bwumvikane.

  Hari ingamba ziteganywa zizagenda zibageraho. Ariko noneho ku buryo bwihuse, mufate **« Isengesho ryo gusaba amahoro »** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi, nk'isengesho ry'uyu mwaka w'ubumwe n'ubwiyunge. Risanzwe rivugwa na bamwe, ariko noneho rizabe irya twese, nk'uko buri mwaka muri iyi itatu wagiye urangwa n'isengesho ryihariye.

4. Bakristu Bavandimwe, kuri uyu munsi mukuru wa Noheli, sinabura kuvuga ku mpungenge dusangiye na benshi, duterwa n'ibyorezo bitatu byigabije cyane urubyiruko ; bikabagiraho ingaruka mbi mu mikurire yabo ndetse bikototera n'imiterere y'ingo z'abashakanye :

   - Ni ruswa no kunyereza usanga ahantu hose, kuva mu nzego z'ibanze kugeza mu nzego z'abayobozi bakuriye abandi, ndetse no mu bikorera ; bakubwira ko bikorwa ku buryo buzwi ariko busa nk'aho butagira umuti n'urukingo. Mu mategeko no mu nzego z'ubuyobozi, ingamba zarafashwe, ndetse zikaze, ariko ukabona zitagera ku musaruro rubanda bategereje ; kandi ikimbabaza ni uko mu babikora habonekamo n'abakristu bacu. Tuzabigenze dute ?

   - Naho se ubusambanyi bugenda bufata indi ntera, ibyo tukabibonera mu nda ziterwa abakobwa n'ihohoterwa ry'abana ? Ahangaha, koroshya uburyo bwo gukuramo inda ugashaka no kongera imiti n'udukingirizo nk'igisubizo cyabyo, sinumva ko hari icyo bizatugezaho : ahubwo bizarushaho kongera imbaraga, n'ingaruka zabyo zirusheho kuba mbi. Ubusambanyi si imibonano mpuzabitsina gusa, habamo n'ingeso mbi bukurura, iyo idakorewe aho igomba gukorerwa : mu bashakanye. Kwihutira gukuramo inda ni ubwicanyi nk'ubundi. Kuvuga ngo « inda zitateganyijwe » : nta mwana uvuka ku buryo butateganyijwe n'Imana kandi buzwi n'abantu.

Ese ko gusama inda ku mukobwa bitarenza iminsi itandatu kuri 30 y'ukwezi k'umugore, kuki atariho twashyira imbaraga twigisha abashakanye n'urubyiruko ? Birahendutse, bigira umusaruro mwiza, ariko bigasaba ubwitonzi n'ubushishozi : ari byo bamwe batagishaka kwumva.

- Ikibazo cy'ibiyobyabwenge. Rubyiruko, byaravuzwe ejobundi mu nama y'Igihugu y'umushyikirano. Turi ku rugamba rwo kukirwanya mu mashuri, ariko abayobozi n'ababyeyi nimutube hafi dufatanye.

Biriya byorezo uko ari bitatu, byose bishingiye ku kintu kimwe kibuze muri iki gihe : « umuco n'umutimanama ». Birababaje kuba uri umuntu uzi ubwenge, ukamenya ikibi n'ingaruka zacyo ariko ntubashe kukirinda. Iyo wumva ibisubizo bitangwa ku kibazo cy'ubusambanyi, ibiyobyabwenge, za ruswa n'ibindi ; cyangwa se ku ireme ry'uburezi rigenda rimungwa na biriya byorezo byose, uribaza uti « Hakorwa iki ko batarasa ku ngingo y'igisubizo nyamukuru ? ».

5. Maze rero Bakristu Bavandimwe, mu izina rya « Yezu », ndabasaba ko iri zina rigaburira ubuzima bwacu. Ryifitemo amatwara n'imico bibereye iterambere dushaka kugeraho nk'abanyarwanda. Ni izina rifite imbaraga ku bashaka kwemera Yezu Kristu kandi bakamukurikiza, mu nama atugira abicishije muri Kiliziya ye. Ntabwo tuyobewe icyakorwa, nuko cyakorwa, ahubwo habura imbaraga, ubushake n'imyitwarire bijyanye nuko Imana yaturemye kandi idushaka.

   Ndabifuriza mwese kuba ingingo nzima z'Izina rya Yezu. Izina ryoroshye, rikunditse, rituri hafi, kandi ryifitemo ubushake n'ubushobozi bwo kuturemamo abantu bahora ari bashya, bagashobora guhangana na biriya byorezo twavuze haruguru. Babyeyi dufatanyije umurimo mwiza wo kurera, tube hafi y'urubyiruko rwacu, kandi imyitwarire yacu irubere urugero rwiza rushingiraho.

   Bana bacu, mwitinya gukurikiza inama nziza dukomora kuri Yezu Kristu, nk'Izina rifite ububasha n'ubushake bwo kudukiza. Ariko ibyo bidusaba ukwemera n'ubwitange. Mwikoroshya ubuzima ngo mutwarwe n'ibigezweho. Ahubwo mushyire ubwenge ku gihe, mubifashijwemo n'ababyeyi. Urugamba turiho tuzarutsindisha izina rya « Yezu ».

Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2018!

Nyagasani Yezu abane namwe.

✠ Smaragde MBONYINTEGE
Umushumba wa KABGAYI